ISCID asbl
Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**Itangazo rigenewe abanyamakuru**

**"BURI SASU NI UKWANDIKAHO UWO RIGENEWE"**

**Kuki Perezida Kagame agaragara nk'utegura izindi ntambara?**

Nyuma y'uko Perezida Paul Kagame yabonye Inteko Rusange ya 80 y'umuryango w'Abibumbye itangiye nawe agatangira uruzinduko mu bihugu bya Azeribayija na Misiri, ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seti Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoiyenneté démocratique, ISCID asbl) kiratangariza abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira:

1) Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yateranye ku nshuro ya 80 mu kwezi kwa Nzeri uyu mwaka yabaye mu gihe u Rwanda rwari rumaze igihe rushyirwa mu majwi ndetse rufatirwa ibyemezo bikakaye kubera uruhare rushinjwa mu ntambara imaze imyaka 30 iyogoza uburasirazuba bwa Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo. Ku buryo bw'umwihariko Akanama gashinzwe amahoro ku isi kateranye inshuro nyinshi mu myaka itatu ishize gafata ibyemezo binyuranye birebana n'iyo ntambara, icy'ingenzi muri byo gifite nimero 2773 kikaba gitegeka Leta y'u Rwanda kuvana ingabo zayo muri Kongo no guhagarika burundu inkunga rutera umutwe w'inyeshyamba witwa M23.
   Institut Seth Sendashonga isanga Perezida Paul Kagame uyobora u Rwanda muri iyo myaka yose rumaze rushoza intambara mu ghihugu cy'abaturanyi yaragombaga kwitabira iriya nama agasobanura imbere ya bagenzi be impamvu zimutera iyo politiki ya gashozantambara ndetse akavuga aho ageze yubahiriza kiriya cyemezo 2773. Ntibyumvikana ko inshingano nk'izo yazisimbuza kujya kureba isiganwa ry'imodoka ryabereye muri Azeribayiha cyangwa izindi gahunda zidasobanutse (hari abatangaje ko yagenzwaga no kugura intwaro).

2) Insitut Seth Sendashonga itewe impungenge nuko nyuma y'amezi atatu hasinywe amasezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Repuburika iharanira demokarasi ya Kongo imirwano ikomeje gukaza umurego muri Kivu y'amajyaruguru na Kivu y'amajyepfo kandi uruhare rw'ingabo z'u Rwanda muri iyo mirwano rukaba rwarakomeje. Ku buryo bw'umwihariko Institut Seth Sendashonga ikomeje kwibaza ku migambi yihishe inyuma y'ijambo umukuru w'igihugu yavugiye i

Gabiro tariki ya 25 Kanama uyu mwaka ubwo yarimo gusoza amahugurwa ya bamwe mu bagize ingabo z'u Rwanda. Muri iryo jambo Perezida Kagame yagaragaye nk'urimo gutegura intambara nshyashya cyangwa gukomeza izisanzweho ariko noneho zikongera ubukana kuko abarwanyi bahawe inshingano yo kurushaho kwica no kurimbura abo yita abanzi b'igihugu. Igiteye impungenge kurushaho nuko muri abo yise abanzi b'igihugu Perezida Kagame yashyizemo n'abanenga politiki ya guverinoma y'u Rwanda ku mbuga nkoranyambaga, nabo ngo bakaba bashobora kuraswa.
Abanyarwanda benshi bumvise iyo mvugo y'umukuru w'igihugu idatanga ikizere cy'amahoro haba imbere mu gihugu, haba mu bihugu by'abaturanyi, haba ndetse no mu bindi bihugu byagiye byakira impunzi z'abanyarwanda. Ese ubu koko amaraso yamenetse ni make ku buryo hagikenewe kumeneka andi menshi? Ese abanyarwanda ntibakwiye gutangira kuganira ku nzira yo kugera ku mahoro nyayo aho kubakangisha kubarasa?

3) Institut Seth Sendashonga irashimangira ko ikibazo nyamukuru u Rwanda rufite ari ukubura icyerekezo cya politiki kigamije kwimakaza amahoro arambye. Nyuma y'imyaka 31 FPR Inkotanyi imaze ku butegetsi umuntu umwe yigize kamara, igihugu agihindura akarima ke. Politiki ikorwa ni iyo gukomeza kwiyimika ndetse igihe atazaba agihari agasiga igihugu akiraze umwana we cyangwa undi yihitiyemo. Gutekereza ku bundi buryo byitwa kuba umwanzi w'igihugu. Ibi nibyo bituma imbere mu gihugu ntawe ucira, ntawe ukorora, ntawe umira. Imvugo n'ibikorwa by'iterabwoba nta kindi bigamije uretse gushyira u Rwanda mu mfunganwa irugira akarima ka Paul Kagame n'abazamukomokaho.

4) Institut Seth Sendashonga iributsa ko imyaka ibaye 64 ishize abanyarwanda basezereye ingoma ya cyami na gihake, bityo ubutegetsi bw'igihugu bukaba butakiri ingarigari y'umuntu umwe cyangwa umuryango runaka. Itegekonshinga abanyarwanda bishyiriyeho riteganya ko buri muturage wujuje ibyangombwa afite uburenganzira bwo guharanira imyanya y'ubuyobozi bw'igihugu. Ni muri urwo rwego Madame Victoire Ingabire Umuhoza yiyemeje gushinga ishyaka DALFA UMURINZI no gutanga ibitekerezo bye birebana na politiki y'igihugu. Yagize n'ubutwari bwo kwiyemeza kuva mu mahanga akabikorera imbere mu gihugu.


Kuba Perezida Kagame yariyemeje kumutoteza, ndetse akaba yarongeye kumufunga bwa kabiri azi neza ko nta kindi amuhoye uretse ibikorwa bye bya politiki, ibi bifite intego imwe yo gushaka gufata u Rwanda nk'akarima ke kandi bifite ingaruka ziremereye. Ibi nta munyarwanda muzima ugomba kubyemera. Institut Seth Sendashonga iboneyeho gushimira inteko y'umuryango w'ibihugu by'iburayi (Parlement Européen) yafashe icyemezo tariki ya 10 Nzeri 2025 gisaba leta y'u Rwanda gufungura nta yandi mananiza Madame Vctoire Ingabire hamwe n'abayoboke ba DALFA UMURINZI. Birakwiye ko n'indi miryango, ibihugu cyangwa abandi basanzwe batera inkunga u Rwanda bafatira kuri urwo rugero bagahagurukira icyo kibazo, buri wese mu bushobozi bwe.

5) Institut Seth Sendashonga irasaba abanyarwanda kwihangana no gukomeza umutsi. Muri iki gihe ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi bwashoye igihugu mu bukene budasanzwe kubera ibihano by'ubukungu bwafatiwe n'amahanga biragaragara ko umuturage azarushaho gukandwa no kunyunyuzwa imitsi. Imisoro yongerwa buri munsi nta handi ikomoka. Ibyo kandi bizajyana n'ibyo Pezerzida Kagame yise "kongera uruviri" (gukaza ubugome) kugirango hatagira ukopfora. Uko ubutegetsi bw'igitugu burushaho kumva bugeraniwe niko ubukana burushaho gukara, akarengane, iterabwoba n'urugomo bikarushaho kurikoroza. Amarira menshi abanyarwanda bamaze iminsi barira ni aho ngaho ashingiye. Ntabwo ariko abantu bagomba gucika intege. Igihe kirageze kugirango buri wese mu bushobozi bwe atange icyo afite kugirango twubake ejo hazaza heza.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 01/10/2025

Jean-Claude Kabagema

Perezida wa ISCID asbl



ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.institut-SethSendashonga.org